

Ikinyarwanda I

009

23/07/2024 2:00 PM – 5.00 PM



**IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO RUSANGE
CY'AMASHURI YISUMBUYE, 2023-2024**

IKIZAMINI: IKINYARWANDA I

IGIHE KIMARA: AMASAHA 3

AMABWIRIZA:

- 1) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
- 2) Ikizamini kigizwe n'ibibazo **20**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
- 3) Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko	(amanota 30)
Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo	(amanota 25)
Igice cya gatatu : Ubumenyi rusange bw'ururimi	(amanota 30)
Igice cya kane : Ihangamwandiko	(amanota 15)
- 4) Subiriza mu ikaye yabugenewe wubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
- 5) Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
- 6) Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
- 7) Kirazira kugaragaza amazina yawe, ay'ishuri wigamo cyangwa ibindi bikuranga ku ihangamwandiko n'ahandi hose hatabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
- 8) Ukurikize amabwiriza ari kuri buri kibazo.
- 9) Koresha ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara** gusa.

UMUTONI WANGE

Iwabo wa Rukundo nta makuru ye bari bazi na make. Bamaze kugera mu rugo rero babakirana urukumbuzi rwinshi. Baraganira umushyikirano wabo uba wose, bamubwira amakuru yose y'ibyabaye mu gihe atari ahari na we ababwira ayo mu Burayi, n'ahandi yagiye atemberera mu biruhuko. Yababwiye ko yababajwe n'ibyabaye mu gihugu cyose no ku murenge w'iwabo by'umwihariko. Yagerageje no kubumvisha ko igihe kigeze ko abantu bahindura imyumvire bakavugisha ukuri ku byabaye byose, hanyuma abakoze amakosa bagahanwa noneho abandi na bo bakumva ko amahoro ari yo ya mbere kugira ngo igihugu gitere imbere kandi bakaba badashobora kuyageraho bakigendera mu mwirya. Abumvisha kandi ko ubutabera butabogamye ari bwo buzatuma abatuye mu gihugu cyose biyunga.

Rukundo aba aho ategereje urubanza rwa se. Yirirwaga anatemberana n'inshuti ye asura abavandimwe n'inshuti. Yari akumbye kongera kubona abantu benshi bari inshuti, baba abo biganye cyangwa se n'abandi baturiraga mu buzima busanzwe. Banirasenge na ba sewabo bakomeza kubona yirirwa agendana na Roza bakumva batabyishimiye, bakajya birirwa bamuduhira mu matwi ngo nareke umukururano we n'uwo muntu. Bamwumvishaga ko ari we uhejeje se mu munyururu nk'aho ari we wamuteye gukora ibyo yari yakoze byose.

Wa muni w'urubanza rwa Ndegeya bari bategereje uragera. Abantu bari bateraniye ku ibuga ryari hafi aho. Umuburanyi bamuzana yambaye amapingu. Yari afite isoni z'ibyo yari yakoze ariko na none nta bwoba yari afite cyane kuko yizeraga ko abo mu muryango we bari buze kumushyigikira. Kuri we kandi kuba yari yahaye umuyobozi w'umurenge w'iwabo amafaranga ya ruswa, yumvaga bihagije bityo akavuga ati: "Uhagarikiwe n'ingwe aravoma."

Urubanza rwaratangiye abantu baramushinja karahava. Yamaze kubona ko n'umugore atamucira akari urutega ndetse n'abana be n'abari abaturanyi be, ahita abona ko ari ukoga magazi kuko amazi atari ya yandi. Ariko nta cyo byari bikimumariye kuko n'yo yemera ibyaha yakoze kubera ko atari yarigeze abigira mbere y'uko urubanza rwe rugera. Abaturage baravuze noneho na wa muyobozi bamugeraho. Yamaze kubona ko ibye byamurangiriyeho ashaka kunyerera mu bantu bari aho ngo yiruke ariko baba bamutahuye kare bamuta muri yombi kugira ngo na we afungwe. Abacamanza bari aho kimwe n'abandi bantu ba kure bari baje kwiyumvira urwo rubanza babonye ukuntu abaturage bavugaga uwo muyobozi nta bwoba bafite, babona ko ari ikintu kiza gikwiye kugera no mu bindi bice by'igihugu kuko byatuma abayobozi bese bajya bakora umurimo

wabo neza. Abashinjacyaha basabiye Ndegeya igihano. [...] Ijambo rya nyuma ryari risigaranywe n'inteko y'urukiko yamuburanishije. Bahanye gahunda ko bazamugarura ku muni nk'uwo urubanza rwe rugasomwa.

Uwo muni warangiye abantu bese bo kuri uwo murenge bigaragara ko hari icyo bahindutseho. Abari bashyigikiye Ndegeya na bo ubwabo wabonaga batavugaga rumwe ku rubanza rwabaye. Benshi muri bo babonaga ko rwagenze uko byari bikwiye ariko nanone hari abandi bagitsimbaraye ko yarekurwa kuko arengana.

Ku gasusuruko k'undi muni, Rukundo yatumiye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994 bo mu muryango wa Roza ndetse na ba sewabo na ba nyirasenge. Wari n'umuni yizihizagaho imyaka mirongo itatu amaze ku isi. Baranywa barishima ariko ukabona buri ruhande rusekana imbereka. Rukundo yageze aho afata ijamba ati: "Bavandimwe muri hano, uyu muni nawutegereje kuva kera ariko ntibyakunda. Ibyabaye tugomba kubirenga, tukubaka igihugu kitarangwamo amacakubiri n'umwiryane uwo ari wo wose. Uyu mureba iruhande rwange ngira ngo mwese muramuzi. Twararanywe murabizi. Ni inshuti yange y'amagara. Twemeranyije kuva kera ko tuzabana (abantu batangira kujujura). Nzi neza ko hari abo bitigeze bishimisha na gato. Muzi kandi uburyo umuryango wacu wahemukiye umuryango we. None rero kuva ubu ndagira ngo mu izina ry'umuryango wacu nsabe imbabazi umuryango we mu byo wabakoreye byose. Benshi muri mwe ntibakekaga ko dushobora kubana. Amagambo rero nashire ivuga kuko guhera ubu rwa rukundo rwacu rugiyeye kwera imbuto mwese muzaryaho cyangwa se abana banyu." Abari aho bakomeza kuvugira mu matamatama ari nako bamusaba kureka guca ku ruhande ibintu ahubwo akabivugaga uko biri. Na we rero ababwira ko ubu Roza ari we bazabana ubuzirahereze igihe cyose Imana izaba ikibatije ubuzima. Abari aho bakomeza kubyangira ariko baza gusanga nta cyo bibamariye kuko kugira icyo bahindura bitari bigishobotse. Babemerera ko babana ariko nanone bakubahiriza imihango yose uko umuco w'igihugu ubiteganya.

Roza nawe kubera ibyishimo asaba ijamba. Araterura ati: "Babyeyi mwese uko muteraniye hano, ibyo Rukundo ababwiye ni ukuri. Ijambo ndifashe kubera ibyishimo mfite kuko nongeye kumubona kandi akaba akinkunda koko. Uyu mubyeyi we na we ndagira ngo mumunshimirire ibyiza byose yangiriyeye kuko nge birandenze. Imana yonyine izamumpembera. Ikibatsi cy'urukundo nakunze umuhungu we kizamubera igihembo k'ibyo yankoreye byose. Rukundo we nzagukunda abanzi baganye, umucyo utahwe iwacu."

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Rukundo yari yaragiye he ku buryo iwabo nta makuru ye bari bazi? Yari yaragiye gukora iki? **(amanota 2)**
- 2) Vuga ibintu bitatu bikubiye mu butumwa Rukundo yahaye abari barasigaye mu Rwanda. **(amanota 3)**
- 3) Vuga impamvu ebyiri zatumaga benewabo wa Rukundo batishimira kumubona atemberana na Roza. **(amanota 2)**
- 4) Tanga impamvu ebyiri zaba zaratumye urubanza rubera ku ibuga. **(amanota 2)**
- 5) Tanga amagambo ane akoreshwa mu bucamanza dusanga muri uyu mwandiko. **(amanota 4)**
- 6) Ukurikije ibivugwa mu mwandiko, subiza ukoresheje “**ni byo**” cyangwa “**si byo**”. **(amanota 5)**
 - (a) Hari abo mu muryango wa Rukundo batishimiye urukundo rwe na Roza.
 - (b) Rukundo yirirwaga atemberana n’inshuti ye Roza biganye i Burayi.
 - (c) Iwabo wa Roza bari baturanye n’iwabo wa Rukundo.
 - (d) Iyo Ndegeya yemera icyaha ako kanya yari kubabarirwa.
 - (e) Mu bantu bari bahateraniye hari abavugaga ko Ndegeya arengana.
- 7) Tanga ingingo ebyiri zigaragaza ko uru rubanza rwaciwe binyuze mu nzira zemewe n’amategeko. **(amanota 2)**
- 8) Uzurisha amagambo avuye mu mwandiko. **(amanota 5)**

Icyo gihe inka za Serugarukiramfizi zari zikutse zibyagiye ku Agiye kubona abona agatsiko k’abagabo batanu barimo biramuyobera. Mu gihe akibaza ibyo barimo, abona haje abandi bigaragara ko bahuje umugambi n’abo ba mbere. Amenya ko agomba kuko imizinga ishobora kuvamo imyibano. Yiyemeza guhangana na bo. Babonye bibakomeranye bakizwa n’amaguru ariko umwe muri bo Serugarukiramfizi aramusigarana. Abaje batabaye bamuhata igiti agerageza ngo abacike ariko biba iby’ubusa. Yaboneyeho kuvuga mugenzi we wundi ashyikirizwa ubutabera.
- 9) Simbuza amagambo atsindagiye andi bihuje inyito mu mwandiko: **(amanota 5)**
 - (a) Kabano bamufatanye ibiyobyabwenge bamushyira mu **buroko**.
 - (b) Ashatse kubeshya asanga **bamuvumbuye** rugikubita.
 - (c) Wasangaga abari baje **batumvikana** kuri gahunda igomba gukurikiraho.
 - (d) Hari abantu benshi badakozwa ibigezweho ahubwo **bagikomeye** ku bya kera.
 - (e) Dukwiye kuba mu gihugu **kitagaragaramo** ubugizi bwa nabi.

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 10) Vuga uturango dutatu tw'izina mbonera. **(amanota 3)**
- 11) Wifashishije ingero z'amazina, garagaza inteko z'amazina nibura eshatu zikoresheya mu bumwe gusa. **(amanota 6)**
- 12) Muri izi nteruro zikurikira, vuga ubwoko bwa ruhamwa zanditse zitsindagiye. **(amanota 2)**
- (a) Imboga zibona **abana**.
- (b) Twarabyinnye **buracya**!
- 13) Wifashishije ingero, tandukanya ikinyazina nyereka n'ikinyazina mbanziriza. **(amanota 4)**
- 14) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe ku magambo atsindagiye. **(amanota 10)**
- (a) Hagomba **indyo** nziza kugira ngo hirindwe igwingira.
- (b) Abari **aho** bemeje ko Ndegeya yari **umwicanyi**.
- (c) **Wogaheka** we uzafashe uriya munyanteye nke.

IGICE CYA GATATU : UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

- 15) Hitamo igisobanuro nyacyo ku nshoberamahanga zikurikira: **(amanota 6)**
- (a) **Kuvoma hafi:**
- (i) Kugira umwete mu byo ukora
 - (ii) Gukira bitakugoye
 - (iii) Kuvoma amazi bugufi
 - (iv) Kurakazwa n'ubusa
- (b) **Gukura ubwatsi:**
- (i) Kwahira ubwatsi
 - (ii) Kunyura mu bwatsi
 - (iii) Gushimira uwakugabiye
 - (iv) Gushimira uwakuvuye
- (c) **Kugwa mu kantu:**
- (i) Kugwa mu mwobo
 - (ii) Kumirwa
 - (iii) Kunyerera ukagwa
 - (iv) Kugira amahirwe
- (d) **Gucurangira abahetsi:**
- (i) Kubwira abatakwitayeho
 - (ii) Kubwira abantu benshi

- (iii)Kubwira abahetsi
- (iv)Kubwira abakumva

(e) Kugwa gitumo:

- (i) Gutangara
- (ii) Gusuzugura
- (iii)Gutungura
- (iv)Gusangira

(f) Gukura inzira ku murima:

- (i) Guhinduka
- (ii) Guhinguka
- (iii)Guharabika
- (iv)Guhakana

- 16) Ugendeye ku butinde bw'imigemo n'amasaku ku magambo yagaragajwe, subiza
“yego” cyangwa **“oya”**. **(amanota 7)**
- (a) inteego risobanura uturemajambo.
 - (b) guhaga ni ugushyira umwuka mu mupira.
 - (c) umwiishywa ni ubwoko bw'icyatsi kirandaranda.
 - (d) guhuma ni ukuvuga kw'impayisi.
 - (e) ishâashi ni itungo rigeze mu gihe cyo kwima bwa mbere.
 - (f) umusaâmbi ni uwo bicaraho.
 - (g) intâango ni ikibindi kinini.
- 17) Uzurisha amagambo akurikira: **inkuru ishushanyije, inyandiko**
y'ikinyamakuru, umwironoro, umukono, inyandiko mvugo **(amanota 5)**
- (a) Mu birebana n'..... buri munyarubuga arangwa n'igishushanyo gisa ukwacyo akambara ukwe.
 - (b) Iyo ukora wirinda gushyiramo ibitekerezo byawe bwite.
 - (c) yandikwa mu mpushya.
 - (d) Buri gihe mu nyandiko y'ubutegetsi hakenerwa w'uwayanditse.
 - (e) Akenshi iyo ugiye gushaka akazi bagusaba wawe.
- 18) Erekana abagira uruhare mu kiganiro mpaka. **(amanota 5)**
- 19) Ica ibisakuzo bikurikira: Sakwesakwe! **(amanota 7)**
- (a) Akari inyuma ya Ndiza urakazi ?
 - (b) Nagutera ikigira izina kitagira ibara!
 - (c) Nagutera icyambuka uruzi kitagira amaguru!
 - (d) Inka yange yimira mu kinono ikabyarira mu ihembel!
 - (e) Bwiza bupfuye ubusa!

(f) Ni nge muzindutsi wa kare nahuye n’Imana yikoreye inyama!

(g) Ko undeba ndaguha!

IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

- 20) Uri umunyeshuri urangije umwaka wa gatatu w’amashuri yisumbuye, andikira ibaruwa y’ubutegetsi umuyobozi w’Urwunge rw’Amashuri rwa Kabonobono umusaba icyangombwa kerekana ko wize ku kigo ayobora. Wandike mu mazina ya SANGWA Ruboneza wo mu Kagari ka Gati, Umurenge wa Kabonobono mu Karere ka Nyakare. Ubimenyeshe Umuyobozi Ushinzwe Amasomo kuri iryo shuri. **(amanota 15)**

-IHEREZO-

IPAJI ITANDITSEHO IBIBAZO